| b) gutanga ikimenyetso kigaragaza ko imari yo gukora ingana nibura na miliyoni mirongo ine z'amafaranga y'u Rwanda (40.000.000 Frw) cyangwa ahwanye na yo yashyizwe kuri konti yafunguwe muri Banki Nkuru; | b) provide a proof of deposit of the minimum working capital of at least forty million Rwandan Francs (Frw 40,000,000) or equivalent on the account opened at the Central Bank; | b) fournir une preuve de dépôt du capital de fonctionnement d'au moins quarante million de francs rwandais (40.000.000 Frw) ou son équivalent sur le compte ouvert auprès de la Banque Centrale; |
| c) gutanga amasezerano y'ubukode bw'inyubako yo gukoreramo yahamijwe na noteri wemewe aherekejwe na kopi z'impapuro mpamo zihamya ko uwamukodesheje ari we nyir'umutungo koko kandi ziriho umukono wa noteri. Iyo usaba ari we nyir'umutungo atanga kopi z'impapuro mpamo zihamya uburenganzira afite kuri iyo nyubako, ziriho umukono wa noteri. | c) submit authenticated lease agreement on the working premises accompanied with certified copies of the title proving ownership of the lessor. In case the applicant is the owner of the premises, he/she will submit certified copies of the title deed proving his/her/its ownership thereon of. | c) transmettre l'original authentifié du contrat de bail sur l'immeuble où l'activité de change sera exercée et accompagné des copies du titre prouvant la propriété du bailleur. Lorsque le requérant est en même temps propriétaire de l'immeuble, il transmettra les copies certifiées conformes à l'original du titre de propriété. |
| d) kwerekana icyemezo cy'ubwishingizi bw'amafaranga n'ibintu bifite agaciro biri ahantu hakorerwa umurimo | d) submit an insurance coverage certificate of money in cash and other valuable items in the working | d) transmettre le certificat de police d'assurance qui couvre l'argent liquide et les objets de valeur se trouvant dans |

w'ivunjisha kimwe n'amafaranga n'ibintu bifite agaciro biri mu nzira.	premises as well as money in cash and valuable goods in transit.	les locaux ainsi que l'argent liquide et les objets de valeur en transit.
e) ko agomba gutegura no gutunganya neza aho ateganya gukorera umurimo w'ivunjisha hitabwa ku miterere y'uwo murimo.	e) avail the working premises and do necessary arrangements thereof bearing in mind the nature of the foreign exchange business.	a) disponibiliser le lieu où il/elle prévoit conduire l'activité de change et y faire des préparatifs tenant compte de la nature de cette activité.
Iyo isaba ryanzwe, Banki Nkuru ibimenyesha usaba mu nyandiko kandi igatanga impamvu zatumye ritemerwa.	Where the application is rejected, the Central Bank shall notify the applicant in writing with reasons for the rejection.	Lorsqu'une demande est rejetée, la Banque Centrale en informe le requérant par écrit avec justification de ce rejet.
Uwari wasabye utishimiye icyemezo cyo kwanga isaba ashobora gusaba, Banki Nkuru gusubira ku cyemezo cyayo mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) ibarwa uherye ku itariki yamenyesherejweho icyemezo asaba ko gisubirwaho.	An applicant, who is not satisfied with the decision of rejection may, within 30 days from the date of the reception of that decision, request the Central Bank to review its decision.	Un requérant, non satisfait par la décision de rejet de sa demande peut, endéans 30 jours à compter de la date de réception de ladite décision, requérir la Banque Centrale de revoir sa décision.
Gusaba Banki Nkuru gusubira ku cyemezo cyayo cyanga isaba bikorwa inshuro imwe gusa.	The right to request the Central Bank to review the decision rejecting the application is exercised only once.	Le droit de requérir la Banque Centrale de revoir sa décision est s'exerce une seule fois.
Banki Nkuru yongerera gusuzuma isaba yita cyane ku cyo usaba anenga icyemezo cyayo maze ikamumenyesha, mu nyandiko, icyemezo cyayo cya nyuma kidasubirwaho kandi bigakorwa mu gihe kitarenze iminsi 60.	The Central Bank shall reconsider the application with due emphasize on criticisms by the applicant and then shall notify him/her, in writing, of its final and conclusive decision in a period not exceeding 60 days calendar.	La Banque Centrale va ré-examiner la demande avec toute attention aux reproches par le requérant et lui informe, par écrit, de sa décision finale et concluante dans une période de 60 jours calendriers au maximum.

Ingingo ya 7: Ibindi kurikizwa mu gutanga uruhushya

Mu gufata icyemezo cyo gutanga uruhushya rwo gukora, Banki Nkuru ireba ibi bikurikira:

- a) uko usaba ahagaze mu byerekeye imari n'amateka ye;
- b) imiterere y'indi mirimo yose usaba akora, niba itagira ingaruka ku murimo w'ivunjisha cyangwa ku miterere y'urwego rw'imari;
- c) kuba abanyamigabane, abagize inama y'ubuyozzi, n'abateganywa kuba mu buyobozi no mu nama y'ubuyobozi ari abantu b'inyangamugayo, bakwiriye, ari abo kwizerwa kandi bafite ubushobozi;
- d) imiterere y'ibiro by'ivunjisha igamije guteza imbere no gushimangira uburyo bubereye bwo gukora hubahirizawa amategeko;
- e) imiterere ikwiriye y'imari shingiro y'usaba, iy'uko inyungu izaboneka,

Article 7: Criteria for licensing

The Central Bank shall consider the following factors in making a decision to grant a licence:

- a) the financial condition and background of the applicant;
- b) the nature of any other business of the applicant, if it does not negatively affect the business of foreign exchange or the integrity of the financial sector ;
- c) the integrity, the suitability, the reliability and competence of the applicant's shareholders, the proposed management and directors;
- d) the organizational structure to promote and maintain a proper conduct of business or comply with its legal obligations;
- e) the adequacy of the applicant's capital structure, earning prospects, business and financial plans;

Article 7: Critères d'octroi d'agrément

La Banque Centrale tient compte des facteurs suivants pour prendre une décision d'octroi d'un agrément:

- a) la situation financière et le passé du requérant;
- b) la nature de toute autre activité du requérant, si elle n'a pas d'implication négative sur l'activité de change ou l'intégrité du secteur financier;
- c) l'intégrité, la pertinence, la fiabilité, la compétence des actionnaires du requérant, du membre du comité de direction et des membres du Conseil d'Administration,
- d) la structure organisationnel est de promouvoir et maintenir la bonne conduite des affaires ou respecter ses obligations légales;
- e) l'adéquation de la structure du capital du requérant, les perspectives de gain, les plans d'activités et les plans financiers;

n'iya gahunda yerekeye umurimo
n'imari;

f) niba kwemerera usaba biri mu nyungu
rusange z'abaturage n'iz'urwego
rw'imari muri rusange;

g) ikoranabuhanga rifasha ibiro
by'ivunjisha kwandika ibikorwa
byabyo, gukoresha amakuru, gusohora
inyemezabuguzi na raporo bikurikije
ibisabwa n'amabwiriza;

h) andi makuru yose yerekeye usaba, ba
nyir'ibiro, abanyamigabane baziguye
n'abataziguye, abagize Inama
y'Ubuyobozi n'ubuyobozi, urwego
rw'ibiro by'ivunjisha, isoko ry'ibiro
by'ivunjisha n'imiterere y'urwego
rw'imari muri rusange.

Usaba watanze amakuru atari yo cyangwa
ayobya mu nyandiko isaba afatwa ko atujuye
ibisabwa kandi ko adakwiriye, ibyo bikaba ari
impamvu ihagije ituma ngo isaba rye ryangwa.

f) whether the granting of the licence to
the applicant benefits to the public
interest and the financial sector in
general;

g) level of the IT system enabling the
Forex Bureau to record transactions,
process data, generate receipts and
reports that meet regulatory
requirements;

h) any other relevant information relating
to the applicant, its ultimate beneficial
owners, direct and indirect
shareholders, directors and
management, the foreign exchange
bureau sector, foreign exchange
market and the financial system as a
whole.

An applicant who submits false or misleading
information in the application shall be
considered as unfit and improper person, and
thus, it shall be a sufficient ground for the
rejection of the application.

f) si l'octroi de l'agrément au requérant
beneficie à l'intérêt public et le secteur
financier en general;

g) le système informatique permet au bureau
de change d'enregistrer les opérations, de
traiter des données, de générer des
bordereaux d'achats et de ventes des devises
et des rapports qui se conforment aux
exigences réglementaires.

h) toute autre information pertinente sur le
requérant, ses usufruitiers ultimes, ses
actionnaires directs et indirects, ses
administrateurs et l'équipe de gestion, le
secteur du bureau de change, le marché de
change et le système financier dans
l'ensemble.

Un requérant qui fournit des informations
fausses ou trompeuses dans la demande sera
jugée non éligible et non convenable et ainsi ce
sera un motif suffisant pour le rejet de la
demande.

Ingingo ya 8: Igenzura ry'ibanze ry'aho imirimo ikorerwa

Uhereye ku itariki usaba yaboneyeho urwandiko ruvugwa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 6 y'aya mabwiriza rusange, usaba afite igihe kitarengeje amezi 3 cyo kubahiriza ibyo yasabwe muri urwo rwandiko no gutegura aho azakorera habereye n'umurimo w'ivunjisha.

Iyo usaba amaze gukora ibivugwa mu gika kibanziriza iki, abimenyesha Banki Nkuru mu nyandiko akanayisaba ko yakorerwa igenzura ry'ibanze. Iyo Banki Nkuru ibonye urwo rwandiko, mbere yo gutanga uruhushya rwo gukora, ikorera igenzura ry'ibanze ahateganyijwe gukorerwa umurimo w'ivunjisha, hagamijwe gusuzuma ko habereye umurimo w'ivunjisha koko kandi ko hatanyuranyije n'amakuru yatanze mu isaba.

Muri icyo gihe cyose, uwasabye nta gikorwa na kimwe cy'ivunjisha yemerewe gukora kugeza igihe aboneye uruhushya rwo gukora rwanditse rutangwa na Banki Nkuru.

Article 8: Preliminary inspection at the place of business

From the date of reception, by the applicant, of the specified in paragraph 2 of article 6 of this regulation, the applicant is entitled to a maximum period of 3 months to comply with that letter and prepare the projected working premises appropriate to foreign exchange business.

Once the applicant completed works specified in the above paragraph, he/she informs the Central Bank together with requesting for preliminary inspection. Upon reception of the said letter, the Central Bank shall, before granting a license, conduct preliminary inspection on the projected working premises, to verify if the place is appropriate for the conduct of foreign exchange business and consistent with the information provided in the application.

During that process period, the applicant shall not carry out any foreign exchange transaction until granted a written licence by the Central Bank.

Article 8: Inspection préliminaire des lieux d'activités

Dès reception de la lettre spécifiée à l'alinéa 2 de l'article 6 du présent règlement, par le requérant, ce dernier jouit d'une période de 3 mois au maximum pour exécuter tout ce qui est exigé dans ladite lettre et préparer les lieux appropriés où il envisage exercer l'activité de change.

Lorsque le requérant vient d'exécuter tout ce qui est spécifié à l'alinéa précédent, il/elle en informe la Banque Centrale et demande à la fois qu'il soit fait une inspection préliminaire. Après reception de ladite lettre et avant d'octroyer la licence, la Banque Centrale procède à une inspection préliminaire des lieux pour vérifier qu'ils sont appropriés pour la conduite de l'activité de change et qu'ils sont conformes aux informations fournies dans la demande.

Au cours de tout ce processus, le requérant ne peut faire aucune transaction de change avant l'octroi de licence écrit par la Banque Centrale.

Ingingo ya 9: Itangwa ry'uruhushya n'agaciro karwo

Iyo Banki Nkuru inyuzwe n'inyandiko n'andi makuru byatanzwe n'usaba, hakurikijwe ibiteganywa n'aya mabwiriza rusange, itanga uruhushya rwo gukora umurimo w'ivunjisha.

Uruhushya rwo gukora umurimo w'ivunjisha rukomeza kugira agaciro keretse ruvanyeho hakurikijwe ibiteganywa n'aya mabwiriza rusange. Ntirushobora guhabwa undi mu buryo ubwo ari bwo bwose ngo arukoreshe cyangwa kugwatirizwa.

Iyo Banki Nkuru itanze uruhushya, imari yo gukora yashyizwe kuri konti ivugwa mu ngingo ya 6 (b) y'aya mabwiriza ishyirwa kuri konti y'ibiro by'ivunjisha muri Banki y'ubucuruzi.

UMUTWE WA III: UBURYO BW'IMIKORERE

Ingingo ya 10: Imirimo yemewe

Ibiro by'ivunjisha byemerewe gukora gusa ivunjisha ry'ako kanya hakurikijwe ibiteganyijwe mu ngingo ya 2 y'aya mabwiriza rusange, mu gace ka (m).

Article 9: Issuance of a license and its validity period

When the Central Bank is satisfied with the documents and other informations given by the applicant, in compliance with the provisions of this regulation, it issues a licence to exercise the activity of foreign exchange.

The license to exercise the activity of foreign exchange shall remain valid unless revoked in accordance with provisions of this regulation. Its use cannot be transferred, in anyway, to anyone else, or be pledged.

When the Central bank issues a license, the working capital deposited on the account specified in article 6 (b) of this regulation is remitted to the account of the licenced forex bureau in a commercial bank.

CHAPTER III: MODE OF OPERATIONS

Article 10: Authorized operations

A forex bureau shall deal only in spot exchange transactions in compliance with the provisions of article 2 (m) of the present regularion.

Article 9: Delivrance de la licence et sa validité

Une fois la Banque Centrale est satisfaite des documents et autres informations fournis par le requérant, conformément aux dispositions du présent règlement, elle délivre la licence pour exercer la'ctivité de change.

La licence délivrée reste valable sauf si elle est revoquée conformément aux dispositions du présent règlement. Son usage ne peut, en aucun cas, être accordé à quelqu'un d'autre, ni être donnée en garantie.

Quand la Banque Centrale délivre la licence, le capital minimum de fonctionnement déposé sur le compte spécifié dans l'article 6 (b) est remis au compte du bureau de change dans une baque commerciale.

CHAPITRE III: MODE DE FONCTIONNEMENT

Article 10: Opérations autorisées

Un bureau de change agréé ne peut exercer que des opérations de change au comptant conformément dispositions de l'article 2 (m) de ce règlement.

Icyakora ibiro by'ivunjisha bishobora no kwemererwa gutanga izindi serivisi, haseguriwe ibiteganyijwe mu ngingo ya 4 y'aya mabwirizwa, mu gace kayo ka (i).

Ibikorwa by'ivunjisha bishobora gukorwa kuri gishe, hakoreshejwe konti ya banki cyangwa ubundi buryo ubwo aribwo bwose bw'ikoranabuhanga bwemewe na Banki Nkuru.

Bitabangamiye igisobanuro cy'imirimo yo kugura no kugurisha amafaranga y'amahanga irangizwa ako kanya, imirimo y'ibiro by'ivunjisha ifite agaciro kangana cyangwa karenze amafaranga y'u Rwanda angana na miliyoni makumyabiri (20.000.000Frw) igomba gukorwa hifashishijwe konti z'ibiro by'ivunjisha muri banki.

Ingingo ya 11: Ibikorwa itemewe

Ibiro by'ivunjisha ntibyemerewe kugurisha amadevize ku muntu udatuye keretse agaragaje ko amafaranga y'u Rwanda afite yayaherewe mu Rwanda agurishije amadevize cyangwa ko akomoka ku bindi bikorwa byakorewe mu Rwanda kandi byemewe n'amategeko.

However, a forex bureau may be authorized to deliver other financial related services, without prejudice to provisions of article 4 (i) of the present regulation.

Transactions of foreign exchange business are deemed to be concluded at counter, by bank account or any other electronic means recognized by the Central Bank.

Notwithstanding the definition related to spot exchange transaction, Forex Bureaus transactions amounting to or above twenty million Rwandan Francs (Frw 20,000,000) and more or its equivalent shall be transacted through forex bureau banks' accounts.

Article 11: Prohibited operations

A forex bureau shall not sell foreign currency to non-residents unless the latter proves that the amount in Rwandan Francs he possesses was obtained in Rwanda from the sale of foreign currency, or from other lawful activity carried out on Rwandan territory.

Cependant, le bureau de change pourra être autorisé de rendre autres services financiers, sans préjudice des dispositions de l'article 4 (i) du présent règlement.

Les transactions de change peuvent être conclues au guichet, sur les comptes bancaires ou par toute autre voie électronique agréée par la Banque Centrale.

Nonobstant la définition donnée à une opération de change au comptant, les transactions des bureaux de change d'une valeur de vingt million de francs rwandais (20.000.000 Frw) et plus ou son équivalent sont effectuées à travers des comptes bancaires du bureau de change.

Article 11: Opérations interdites

Un bureau de change est interdit de vendre les devises à un non-résident à moins que ce dernier prouve que les sommes en Francs rwandais en sa possession ont été obtenues au Rwanda à l'occasion de la vente de devises, ou par une autre activité légale exercée au Rwanda.

Ingingo ya 12: Kubika inyandiko z'ibikorwa

Article 12: Records of transactions and documentations

Article 12: Enregistrement des transactions et documentations

Ibiro by'ivunjisha bigomba:

A forex bureau shall:

Un bureau de change doit :

1. kuba bifite uburyo buhamye bw'ikoranabuhanga bwo kubika amakuru, bukanoroshya ikusanya n'isesengura ry'ibyerekereye ibarurishamibare, raporo n'amakuru bisabwa, kugira ngo bishobore gukoreshwa n'abagenzuzi b'imbere, abagenzuzi bava hanze na Banki Nkuru. Uburyo bw'ikoranabuhanga buzakoreshwa kandi kugira ngo havumburwe ibikorwa by'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba n'ibindi bikorwa byose binyuranyije n'amategeko;
2. gukoresha ubushishozi ku bakiriya mbere y'igikorwa cyose cy'ivunjisha igikorwa no kumusaba ibyangombwa bikwiye kugira ngo ibiranga abakiriya bimenyekane kandi bigenzurwe.
3. gutanga inyemezabuguzi, kuri buri gikorwa cyose cyakozwe harimo n'ibyanyuze kuri konti muri banki, igaragaza byibuze amakuru akurikira:

1. maintain an adequate Management Information System (MIS) that facilitates efficient collection and processing of statistical data, prudential returns, and information required to provide audit trails for use by internal auditors, external auditors and the Central Bank. The MIS will also be used to detect suspicious transactions for money laundering and terrorism financing and any other illegal practices.
2. apply customer due diligence before processing any exchange transaction and request from him/her appropriate documentation for the identification and verification of identity of customers.
3. issue, for every transaction including even those made through bank account, an accurate receipt containing at a minimum the following information:

1. maintenir un système solide de gestion d'information qui facilite la collecte et le traitement efficaces des données statistiques, données prudentielles, données sur le blanchiment d'argent et des informations requises pour fournir des pistes d'audit à l'usage des auditeurs internes, des auditeurs externes et de la Banque Centrale. Le système de gestion d'informations sera également utilisé pour détecter des transactions suspectes de blanchiment d'argent et de financement de terrorisme ainsi que d'autres pratiques illégales.
2. prêter une attention particulière sur les clients avant chaque transaction de change et exiger les documents appropriés pour s'assurer de l'identité des clients.
3. délivrer, pour chaque transaction y compris même celles effectuées sur le compte bancaire, un reçu contenant au minimum les informations suivantes:

Official Gazette n° 9 bis of 27/02/2017

a) numero y'igikorwa cyakozwe;	a) the transaction number;	a) le numéro de la transaction;
b) ubwoko bw'igikorwa (kugura cyangwa kugurisha), igihe, itariki n'ibiro igikorwa cyakorewemo;	b) the nature (sale or purchase), time, date and office where the transaction was executed;	b) la nature (vente ou achat), le temps, la date et le bureau où la transaction a été exécutée;
c) amazina yose y'umukiriya;	c) full names of the customer;	c) noms et prénoms du client;
d) ubwenegihugu bw'umukiriya;	d) nationality of the customer;	d) nationalité du client;
e) numero y'indagamuntu cyangwa y'urwandiko rw'abajya mu mahanga rw'umukiriya;	e) identity card/passport number of the customer;	e) numéro de la carte d'identité/ passeport du client ;
f) numero ya telefone y'umukiriya;	f) telephone number of the customer;	f) numéro de téléphone du client ;
g) numero y'izindi nzandiko z'inzi zigaragaza umwirondoro w'umukiriya zemewe n'Ubuyobozi Bukuru bw'Abinjira n'Abasohoka mu Rwanda;	g) number of any other travel documents showing the identification of the customer and recognized by the Directorate General of Immigration and Emigration Rwanda;	g) tout autre numéro des documents portant identification de voyage du client agréés par la Direction Générale de l'Immigration et de l'Emigration du Rwanda;
h) numero y'iyandikwa ya sosiyeti na numero telefoni by'ibiro by'ivunjisha n'aho bibarizwa;	h) company registration code, address, and telephone number for the forex bureau;	h) code, adresse de société commerciale et téléphone d'enregistrement comme société commerciale;
i) ubwoko n'umubare w'amadevize agurishijwe cyangwa yaguzwe;	i) the type and amount of foreign currency sold or bought ;	i) le type et montant en monnaie étrangère vendue ou achetée;

Official Gazette n° 9 bis of 27/02/2017

j) igipimo cy'ivunjisha cyakoreshejwe muri icyo gikorwa;	j) the exchange rate applied for that particular transaction;	j) taux de change appliqué pour cette transaction même;
k) umukono w'umukiriya;	k) customer's signature;	k) signature du client;
l) amazina n'umukono by'umukozi wakiriye umukiriya;	l) names and signature of the employee who served the customer; and	l) noms et signature de l'employé qui a servi le client; et
m) izina na kashe by'ibiro by'ivunjisha n'aho bibarizwa.	m) name, address and stamp of the forex bureau.	m) nom, adresse et cachet du bureau de change;
4. kwandika ibyakozwe byose mu bitabo by'ibaruramutungo;	4. make records, in its books of accounts, of all transactions generated in the course of its business activities;	4. enregistrer dans ses livres comptables toutes les transactions générées dans le cadre de ses activités ;
5. kubika inyandiko zikurikira zerekeye ibikorwa byayo by'ivunjisha:	5. keep the following records of its foreign exchange transactions:	5. conserver les documents suivants relatifs aux opérations de change:
a) inyandiko z'ibyakozwe byose nk'uko biteganywa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo;	a) a record of all transactions as provided under paragraph 3 of this article;	a) un registre de toutes les opérations tel que prévues au paragraphe 3 du présent article;
b) incamake ya buri munsu n'urutonde rugaragaza ifoto y'umutungo uraye;	b) a daily summary and balances list;	b) un résumé journalier et la liste des soldes;
c) urutonde rujyanye n'igihe rw'amafaranga abitswe;	c) updated vault list for stock of currencies;	c) une liste mise à jour de devises en stock;

- | | | |
|---|--|---|
| d) urutonde rw'imitungo y'ibiro by'ivunjisha; | d) list of fixed assets; | d) une liste des propriétés du bureau de change; |
| e) izindi nyandiko zose zireba ibiro by'ivunjisha nk'uko zagenwa na Banki Nkuru. | e) any other records applicable to the forex bureau as may be specified by the Central Bank. | e) tous les autres documents en rapport avec le bureau de change qui peuvent être spécifiés par la Banque Centrale. |
| 6. guhorana inyandiko z'ibyakozwe byose ziri ku gihe. Izo nyandiko zigomba kugaragaza nibura amakuru akurikira: | 6. maintain updated proper records of all transactions. Such records shall, inter alia, reflect the following information: | 6. maintenir les documents appropriés et à jour de toutes les transactions. Ces documents doivent refléter, entre autres, les informations suivantes: |
| a) uruhererekane rw'inomero z'inyandiko z'ingenzi nk'inyemezabwishyu, sheki, inyemezabuguzi n'ibindi; | a) the serial numbers of source documents such as receipts, cheques, invoices etc; | a) les numéros de série des documents de base tels que les reçus, les chèques, les factures, etc; |
| b) itariki amadevize yaguriweho cyangwa yagurishijweho; | b) the date of the purchase or sale of foreign exchange; | b) la date d'achat ou de vente des devises; |
| c) umubare w'amafaranga y'amanyamahanga yaguzwe cyangwa yagurishijwe; | c) the foreign exchange amount purchased or sold; | c) le montant des devises achetées ou vendues; |
| d) igiciro cy'ivunjisha cyakoreshejwe; | d) the exchange rate applied; | d) le taux de change appliqué; |
| e) umubare w'amafaranga y'u Rwanda yishyuwe cyangwa yakiriwe n'umukiliya; | e) the amount of Rwandan Francs paid/or received to/or from the customer received; | e) le montant en francs rwandais payés ou reçus par le client; |

- | | | |
|---|--|---|
| f) kopi y'indangamuntu cyangwa urwandiko rw'abajya mu mahanga, cyangwa izindi nzandiko z'inzira zigaragaza umwirondoro w'umukiriya zemewe n'Ubuyobozi Bukuru bw'Abinjira n'Abasohoka mu Rwanda; | f) copy of the customer's identity card or passport or any other travel documents showing the identification of the customer and recognized by the Directorate General of Immigration and Emigration Rwanda; | f) copy de la carte d'identité ou du passeport du client ou de tous autres documents portant identification de voyage du client agréés par la Direction Générale de l'Immigration et de l'Emigration du Rwanda; |
| g) kopi y'icyemezo, inyandiko y'ubufatanye cyangwa inyandiko nka yo cyangwa inyandiko ishiraho sosiyete niba igikorwa gikozwe mu izina rya sosiyete; | g) copy of certificate of incorporation, partnership deed or a similar document or act establishing a corporate if the transaction is concluded in the name of a corporate; | g) copy du certificat d'enregistrement, d'acte de partenariat ou d'un document similaire ou d'un acte de constitution de société commerciale si la transaction est faite au nom d'une société; |
| h) Inyandiko mpeshabubasha, iyo ukeneye serivisi y'ivunjisha aje ahagarariye ikigo icyo ari cyo cyose, iherekejwe n'inyandiko zivugwa muri gace ka 6 (f) k'iyi ngingo. | h) A power of attorney, if the person seeking the service of foreign exchange does so on behalf of any entity, accompanied with the documents specified in 6 (f) of the this article. | i) Une procuration, si la personne qui demande le service de change agit au nom d'une entité, accompagnée de documents spécifiés dans le point 6 (f) de ce même article. |
| 7. kubika ibi bitabo by'ibaruramari n'inyandiko kugira ngo bifashe mu gutegura ku gihe raporo y'umutungo ya buri mwaka igenzuwe no gukora raporo zisabwa. | 7. maintain such books of accounts and records to enable the timely preparation of audited annual financial statements and generation of required reports. | 7. maintenir ces livres comptables et documents pour faciliter la préparation à temps des états financiers annuels audités et la génération des rapports exigés. |
| 8. kubika inyandiko zose z'ibyakozwe mu gihe cy'imyaka icumi nibura (10) uherye igihe byakorewe. | 8. store all records of transactions for a minimum period of ten (10) years from the date of the transaction. | 9. garder tous les documents des transactions pendant une période |

minimale de dix (10) ans, à compter de la date de la transaction.

Ingingo 13: Ikoresha rya konti muri banki

Ibiro by'ivunjisha bigomba:

1. kugira konti zikora z'amafaranga y'u Rwanda n'iz'amadevize muri banki z'ubucuruzi zemewe na Banki Nkuru;
2. kudakoresha konti z'abagize Inama y'Ubuyobozi bwayo, abanyamigabane bayo, abayobozi bayo, abakozi bayo cyangwa iy'undi muntu wese cyangwa ikindi kigo kugira ngo hakorwe umurimo w'ivunjisha;
3. kugura amadevize muri banki binyuze kuri konti z'ibiro by'ivunjisha muri banki.

Ingingo ya 14: Ibikoresho

Ibiro by'ivunjisha bigomba kugira ibikoresho bikurikira bijyanye n'igihe kugira ngo bikore imirimo yabyo ya buri muni:

Article 13: Use of bank accounts

A forex bureau shall:

1. maintain active local and foreign currency accounts in commercial banks licensed by the Central Bank;
2. not use the personal bank accounts of its directors, shareholders, managers, employees or any other individual or any other entity for purposes of transacting foreign exchange business;
3. purchase foreign currencies from banks through the forex bureau's bank accounts.

Article 14: Equipment

A forex bureau shall have at least the following modern equipment/system to be used to carry out its daily activities:

Article 13: usage des comptes bancaires

Un bureau de change doit:

1. avoir des comptes opérationnels en monnaie locale et en devises dans des banques commerciales agréées par la Banque Centrale ;
2. ne pas utiliser les comptes personnels de ses administrateurs, ses actionnaires, des membres de l'équipe de gestion, des employés ou de toute autre personne ou entité pour effectuer des opérations de bureau de change;
3. acheter les devises dans les banques par le biais des comptes bancaires du bureau de change.

Article 14: Equipement

Un bureau de change doit disposer au moins d'un équipement/système moderne suivants pour l'exécution de ses activités quotidiennes:

- | | | |
|--|---|---|
| a) imashini yo gutahura amafaranga y'amahimbano; | a) counterfeit detector to verify the counterfeit currency; | a) le détecteur de fausses monnaies; |
| b) igikoresho kigaragaza ibipimo by'ivunjisha bikwiye; | b) a tool used to display the exchange rates; | b) un tableau d'affichage de taux de change; |
| c) ibikoresho by'itumanaho rimeze neza (telefoni, imeyili,...); | c) tools for communicating effectively (telephone, email, ...); | c) outils de communication efficace (téléphone, email,); |
| d) mudasobwa, imashini zisohora impapuro, imashini zifotora inyandiko, ikoranabuhanga ryo gukora imirimo n'ikoranabuhanga rikwiye rifasha mu kubika amakuru no gutegura za raporo zisabwa n'amabwiriza | d) momputers, printers, scanners, photocopier, an adequate operating system application and an adequate/sound management information system to process data and generate reports that meet regulatory requirements; | d) ordinateurs, imprimantes, scanners, photocopieuse, un système d'application opérationnel adéquat et un système de gestion d'informations adéquat/solide pour traiter des données et générer les rapports répondant aux exigences réglementaires; |
| e) ibikoresho bisakaza amashusho y'ibibera mu biro by'ivunjisha n'ibindi bikoresho bituma habaho umutekano w'imari n'undi umutungo uri mu biro by'ivunjisha | e) vaults/safe, CCTV Cameras and any other security equipment to secure funds and assets in the forex bureau's premises. | e) chambres fortes/coffres forts, Caméras CCTV et tout autre équipement de sécurité pour sécuriser les avoirs se trouvant dans le bureau de change. |

Ingingo ya 15: Isuzuma ry'amafaranga y'amahimbano

Ibiro by'ivunjisha bigomba gushishoza no kwitonda mu gihe byakiriye amafaranga kugira ngo bimenye amafaranga y'amahimbano hakoreshejwe ibikoresho byabugenewe

Article 15: Verification of counterfeits

A Forex Bureau shall be diligent and cautious when receiving cash from the public in order to detect counterfeit by using appropriate detectors.

Article 15: Vérification des contrefaçons

Un bureau de change doit être consciencieux et prudent quand il reçoit de l'argent du public et utiliser un équipement approprié pour pouvoir détecter des fausses monnaies.

Iyo hatahuwe amafaranga y'amahimbano, ibiro by'ivunjisha bigomba gukora raporo igaragaza uwatanze ayo mafaranga y'amahimbano. Iyo raporo ishyirwaho umukono n'uwatanze inoti cyangwa ibiceri by'amafaranga y'amahimbano hamwe n'uhagagariye ibiro by'ivunjisha. Iyo raporo ihabwa Banki Nkuru maze kopi yayo igahabwa Polisi y'Igihugu n'Ishami ry'Iperereza ku mari (FIU).

Inoti cyangwa ibiceri by'amafaranga y'amahimbano ntibisubizwa uwabitanze

Ingingo ya 16: Gucukumbura, gukumira no kumenyekanisha ibikorwa bikekwa kuba bitemewe

Inama y'Ubuyobozi n'ubuyobozi by'ibiro by'ivunjisha bigomba gufata ingamba za ngombwa mu kureba ko bikurikiza politiki n'uburyo imirimo igomba gukorwamo mu gucukumbura, gukumira, kumenyekanisha cyangwa mu yandi magambo kwita ku ingaruka z'iyezandonke hashingiwe ku Itegeko ryerekeye gukumira no guhana icyaha cy'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba.

In case of counterfeit currency identified, the Forex Bureau shall produce a report identifying the presenter of that counterfeit currency. The report shall be signed by both the presenter of the counterfeit banknotes or coins and the Forex Bureau representative. That report will be submitted to the Central Bank with a copy to the National Police and to the Financial Investigation Unit (FIU).

The counterfeit notes or coins shall not be returned to the presenter.

Article 16: Detection, prevention and reporting of suspicious transactions

The Board of Directors and management of a forex bureau shall take all necessary measures to ensure that it applies appropriate policies and procedures to detect, prevent, report or otherwise deal with incidents of money laundering in accordance with the Law on prevention and penalising the crime of money laundering and financing terrorism.

En cas d'identification de fausses monnaies, le bureau de change doit produire un rapport d'identification du présentateur de cette fausse monnaie. Ce rapport doit être signé conjointement par le présentateur de fausses notes de banque ou de pièces et par le représentant du bureau de change. Le rapport sera soumis à la Banque Centrale avec copie à la Police Nationale et l'Unité d'Investigations financières (FIU).

Les fausses notes ou pièces de monnaie ne sont pas remises au présentateur.

Article 16: Détection, prévention et déclaration des transactions suspectes

Le Conseil d'Administration et la direction de bureau de change doivent prendre toutes les mesures nécessaires pour s'assurer qu'il applique des politiques et procédures appropriées pour détecter, prévenir, déclarer ou autrement traiter les incidents de blanchiment d'argent conformément à la loi sur la prévention et la repression du crime de blanchiment d'argent et le financement du terrorisme.

Ingingo ya 17: Gufungura ishami

Gufungura ishami ry'ibiro by'ivunjisha byemerewe gukora bisabirwa uburenganzira muri Banki Nkuru kandi mu nyandiko, hamaze kwishyurwa ibihumbi ijana by'amafaranga y'u Rwanda (100.000Frw) adasubizwa.

Banki Nkuru ishobora kugena izindi nyandiko ziherekeza isaba ryo gufungura ishami ry'ibiro by'ivunjisha.

Ibiro by'ivunjisha ntibishobora gufungura ishami bitarabona uburenganzira bwanditse butangwa na Banki Nkuru.

Banki Nkuru igomba, mbere yo gutanga icyemezo icyo ari cyo cyose gishingiye kuri aya mabwiriza rusange kijyanye no gufungura ishami, kubanza kumenya neza ko:

- a) ibiro by'ivunjisha bihagaze neza mu byerekeye imari kandi bifite imari shingiro ihagije;
- b) imiterere y'imari-shingiro n'inyungu ziteganywa, gahunda y'imirimo n'iy'imari by'ibiro by'ivunjisha bikwiye;

Article 17: Opening a branch

Opening a branch of a forex bureau is subject to prior application addressed, in writing, to the Central Bank, upon payment of a non-refundable fee of one hundred thousand Rwandan francs (100,000Rwf).

The Central Bank may specify other documents to accompany the application to open a branch of a forex bureau.

A forex bureau shall not open a branch until authorized by the Central bank in writing.

The Central Bank shall, before granting any approval under this regulation in respect of opening a branch, ensure that:

- a) the forex bureau is financially sound and has sufficient capital;
- b) the capital structure and earning prospects, business and financial plans of the forex bureau are adequate;

Article 17: Ouverture d'une branche

L'ouverture d'une branche du bureau de change est soumise à une demande écrite adressée à la Banque Centrale et au paiement de frais de demande équivalents à cent mille francs rwandais (100.000frw) non remboursable.

La Banque Centrale peut spécifier autres documents pour accompagner la demande d'ouverture d'une branche.

Le Bureau de change ne peut ouvrir une branche aussi longtemps qu'il n'est pas autorisé, par écrit, par la Banque Centrale.

La Banque Centrale, avant d'accorder toute autorisation au titre du présent règlement en ce qui concerne l'ouverture d'une branche, doit s'assurer que :

- a) le bureau de change est financièrement solide et a un capital suffisant;
- b) la structure du capital et les perspectives de gain, les plans d'affaires et les plans financiers du bureau de change sont adéquats;

- | | | |
|--|---|--|
| c) ifungurwa ry'ishami ahantu hashya biri mu nyungu rusange n'iz'urwego rw'imari muri rusange; | c) the opening of a branch in a new place will serve the public interest and the financial sector in general; | c) l'ouverture d'une branche dans un nouvel endroit bénéficie à l'intérêt public et au secteur financier en général; |
| d) ishami rizongera ibikorwa n'umugaruro by'ibiro by'ivunjisha; | d) the branch will enhance the operations and performance of the forex bureau; | d) la branche va renforcer les opérations et la performance du bureau de change; |
| e) ibiro by'ivunjisha bifite ubushobozi bwo gusesengura amakuru y'amashuri yayo yose mu buryo bw'ikorabuhanga; | e) the forex bureau has the capacity to make an online processing of information for all of its branches; | e) le bureau de change a la capacité de traiter électroniquement les informations de toutes ses branches; |
| f) ibiro by'ivunjisha bikurikiza mu buryo bwuzuye aya mabwiriza rusange; | f) the forex bureau is fully compliant with this regulation; | f) le bureau de change se conforme entièrement au présent règlement; |
| g) umuyobozi w'ishami yemewe na Banki Nkuru. | g) the proposed branch manager is approved by the Central Bank. | g) le gérant de la branche proposé est approuvé par la Banque Centrale. |

Iyemerwa ry'umuyobozi w'ishami rishingira ku isuzuma ry'inyandiko ziteganyijwe mu gace ka (g) k'ingingo ya 5 y'aya mabwiriza zigomba gutangirwa hamwe n'isaba ryo gufungura ishami.

The approval of a branch manager shall be based on an analysis of relevant documents provided for in article 5 (g) of the present regulation, which documents shall be submitted together with the application for opening a branch.

L'approbation du gérant d'une branche sera basée sur l'analyse des documents pertinents tels que prévus à l'article 5 (g) du présent règlement, lesquels documents doivent être remis avec le dossier de demande d'ouverture d'une branche.

Ingingo ya 18: Kwihuza cyangwa kwegukana

Hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko abigenga, ibiro by'ivunjisha bishobora:

- a) kwihuza n'ibindi biro by'ivunjisha;
- c) kwegukana ibindi biro by'ivunjisha; cyangwa;
- e) kwegukanywa n'uguze imigabane yose.

Kwihuza kw'ibiro by'ivunjisha bibanza gusabirwa uburenganiza muri Banki Nkuru kandi mu nyandiko. Ni na ko bigenda mu gihe ibiro by'ivunjisha bigiye kwegukanwa n'ibindi cyangwa n'uguze imigabane yose.

Isaba ryose ryerekeye ukwihuza cyangwa ukwegukana kw'ibiro by'ivunjisha buherekezwa n'inyandiko n'amakuru bikurikira:

- 1. icyemezo cyafashwe n'urwego rubifitiye ububasha rwa buri biro by'ivunjisha birebwa n'ukwihuza cyangwa ukwegukanwa;

Article 18: Merger and acquisition

In accordance with specific laws, a forex bureau may:

- b) merge with another forex bureau;
- d) acquire another forex bureau; or
- f) be acquired by purchase of all shares.

Merger/amalgamation of forex bureaus shall be submitted, in writing, to the Central Bank for prior approval. The same applies in case a forex bureau is going to be acquired by another forex bureau or a purchaser of all shares.

Any request for merger or acquisition of forex bureaus shall be accompanied by the following documents and informations:

- 1. resolutions of the relevant governance organ for each of the forex bureaus concerned by the merger or acquisition;

Article 18: Fusion et acquisition

Conformément aux lois spécifiques, un bureau de change peut :

- a) fusionner avec un autre bureau de change ;
- b) acquérir un autre bureau de change; ou
- c) être acquis par achat de toutes les actions.

La fusion est soumise, par écrit, à la Banque Centrale pour approbation. Il en est de même si un bureau de change doit être acquis par un autre bureau de change ou par un acquéreur de toutes les actions.

Toute demande de fusion ou d'acquisition des bureaux de change doit inclure les documents et informations suivants:

- 1. la résolution de l'organe compétent d'administration de chaque bureau de change concerné par la fusion ou l'acquisition;

- | | | |
|--|---|--|
| <p>2. ishusho y'imari hamwe n'ifoto y'umutungo mu mwaka wa mbere w'ibikorwa by'ibiro by'ivunjisha bikomoka ku guhuza cyangwa kwegukana ibiro by'ivunjisha;</p> <p>3. inyandiko za ngombwa zisabwa kugira ngo hemezwe umuyobozi w'ibiro by'ivunjisha nyuma y'ukwihuza cyangwa kwegukana ibindi biro by'ivunjisha. Inyandiko za ngombwa zivugwa muri iki gika ni iziteganyijwe mu ngingo ya 5 (g) y'aya mabwiriza rusange.</p> | <p>2. pro-forma balance sheet and income statements for the first year of activities of the forex bureau resulting from the merger or acquisition;</p> <p>3. relevant documents for the approval of the manager of the forex bureau resulting from the merger or acquisition. The relevant documents referred to herein are those specified by Article 5(g) of this Regulation.</p> | <p>2. le bilan et les comptes d'exploitation prévisionnels pour la première année d'activités du bureau de change résultant de la fusion ou de l'acquisition;</p> <p>3. les documents pertinents pour l'approbation du gérant du bureau de change résultant de la fusion ou de l'acquisition. Les documents dont il est question ici sont tels que spécifiés par l'Article 5 (g) du présent Règlement.</p> |
|--|---|--|

Ingingo ya 19: Ibindi Ibiro by'ivunjisha bisabwa kubahiriza

Bitabangamiye ibindi bisabwa muri ya mabwiriza rusange, Ibiro byose by'ivunjisha byemerewe gukora n'ishami ryabyo aho riri, bigomba kubahiriza ibi bikurikira:

1. Ibiro by'ivunjisha bigomba kumenyesha Banki Nkuru amasaha y'akazi ya buri shami byaryo;
2. Nta biro by'ivunjisha bigomba guhindura amasaha y'akazi bitabimenyesheje Banki Nkuru;

Article 19: Other requirements the forex bureaus must comply with

Without prejudice to other requirements provided for in this regulation, any licenced forex bureau and its branch if any, shall respect the following:

1. A forex bureau shall notify the Central Bank the working hours for each of its branches;
2. No forex bureau shall change its working hours without notifying the Central Bank;

Article 19: Autres exigences aux bureaux de change

Sans préjudice aux autres exigences prévues dans ce règlement, tout bureau de change agréé et sa branche s'il en a, doit se conformer à ces exigences:

1. Un bureau de change notifie à la Banque Centrale des heures de service pour chacune de ses branches;
2. Aucun bureau de change ne peut modifier ses heures de service sans en informer la Banque Centrale;

- | | | |
|---|--|---|
| 3. Ibiro by'ivunjisha bigomba kumanika aho bikorera hose, kandi ku buryo bugaragara, ibi bikurikira: | 3. A forex bureau shall display at each of its place of business and conspicuously, the following: | 3. Un bureau de change doit clairement afficher à chacun de ses lieux d'activités, ceux qui suivent: |
| a) izina ry'ibiro by'ivunjisha; | a) the name of the Forex Bureau; | a) le nom du bureau de change ; |
| b) kopi y'uruhushya rwo gukora; | b) a copy of the forex bureau license; | b) une copie de la licence d'agrément de bureau de change; |
| c) iminsi y'akazi n'amasaha y'akazi; | c) the working days and business hours; | c) les jours de service et les heures d'ouverture; |
| d) ibiciro amadevize y'amahanga agurwaho cyangwa agurishwaho; | d) the daily foreign currency exchange rates; | d) les taux journaliers d'achat et de vente des devises; |
| e) itangazo rimenyesha abakiriya ko bafite uburenganzira bwo guhabwa inyandiko yemeza ko baguze cyangwa bagurishije amafaranga y'amanyamahanga; | e) a notice informing the customers that they are entitled to a receipt for any purchase or sale of foreign currency made by them; and | e) un avis d'information aux clients de leur droit au bordereau pour tout achat ou vente de devises effectuée par eux; et |
| f) itangazo rivuga ko ibiro by'ivunjisha bitemerewe kwakira amafaranga yizigamirwa; | f) A notice to the public that the forex bureau is not allowed to accept deposits from the public. | f) Un avis au public que le bureau de change n'est pas autorisé à recevoir des dépôts. |
| 4. Ibiro by'ivunjisha ntibishobora kwimura aho byakorera bitabanje kubiharerwa uburenganzira mu nyandiko na Banki Nkuru. | 4. A forex bureau shall not shift from working place without prior written approval from the Central Bank; | 4. Un bureau de change ne doit pas déménager sans accord préalable écrit de la Banque Centrale; |
| 5. Ibiro by'ivunjisha bisabwa kumenyesha bidatinze Banki Nkuru impinduka iyo ari | 5. A Forex Bureau shall promptly communicate to the Central Bank any | 5. Un bureau de change doit promptement communiquer à la Banque |

- | | | |
|--|--|--|
| yo yose ku rutonde rw'abakozi babyo no ku myanya yabo; | change to the list of staff and their positions; | Centrale toute modification de la liste du personnel et de leurs postes d'attache; |
| 6. Ibiro by'ivunjisha ntibyemerewe gukodesha aho ubwabyo bikodesha, gukodesha cyangwa kwemerera umuntu uwo ariwe wese gukorera umurimo uwo ariwo wose cyangwa gutanga ikindi gicuruzwa icyo aricyo cyose cyangwa serivisi iyo ariyo yose ahantu bikorera uretse serivisi cyangwa igikorwa yemewe/cyemewe na Banki Nkuru. | 6. A forex bureau is not allowed to lease, sublet, or authorize any other person to undertake any other business or offer any other product or service in its business premises other than the service or business approved by the Central Bank; | 6. Un bureau de change n'est pas autorisé à sous-louer, louer ou autoriser toute autre personne d'entreprendre toute autre activité ou d'offrir tout autre produit ou service dans ses locaux d'affaires autre que le service ou l'affaire approuvé(e) par la Banque Centrale; |
| 7. Aho ibiro by'ivunjisha bikorera hagomba kuba horohye abantu bose na Banki Nkuru kuhagera; | 7. The business premises of a forex bureau shall be easily accessible to the public and the Central Bank; | 7. Les locaux d'un bureau de change doivent être facilement accessibles au public et à la Banque Centrale; |
| 8. Nta biro by'ivunjisha byemerewe gukorera ibikorwa by'ivunjisha hanze y'aho bikorera bitabyemerewe na Banki Nkuru; | 8. No Forex Bureau is authorized to conduct foreign exchange activities outside of its premises without Central Bank approval; | 8. Aucun bureau de change n'est autorisé à mener des activités de change en dehors de ses locaux sans l'autorisation de la Banque Centrale; |
| 9. Amabaruwa, inyandiko, ibitabo na raporo z'ibaruramari birebana n'ibikorwa by'ibiro by'ivunjisha bibikwa mu nyubako z'ibiro by'ivunjisha cyangwa ahandi habanje kumenyeshwa Banki Nkuru; | 9. All correspondences, registers, books and financial statements and accounts relating to the Forex Bureau operations shall be kept in the Forex Bureau premises or any other premises communicated in advance to the Central Bank; | 9. Toutes correspondances, registres, livres et états financiers ainsi que des comptes ayant trait aux opérations du bureau de change doivent être gardés dans ses locaux ou dans d'autres locaux communiqués en avance à la Banque Centrale; |
| 10. Ibiro by'ivunjisha bihuye n'ibibazo by'imikorere, bigomba kubimenyesha Banki Nkuru mu nyandiko ndetse bigasaba | 10. A forex bureau experiencing operational challenges shall disclose this incident in writing to the Central Bank and seek prior | 10. Un bureau de change qui fait face à des difficultés opérationnelles, lesquelles doivent être communiquée à la Banque Centrale, est |

uburenganzira bwo gufunga cyangwa guhagarika by'agateganyo ibikorwa byabyo. Ibiro by'ivunjisha bigomba gutanga impamvu zo gufunga cyangwa guhagarika by'agateganyo. Ihagarika ry'agateganyo ntrigomba kureza amazi icumi n'umunani (18).

approval to close or suspend the operations of the bureau. The forex bureau shall motivate reasons for closure or suspension. In any case, the suspension of forex bureau activities shall not exceed eighteen (18) months.

requis d'obtenir l'accord préalable écrit de la Banque Centrale pour fermer ou suspendre temporairement les activités. Le bureau de change est tenu de motiver les raisons de la fermeture ou de suspension. Dans tous les cas, la suspension des activités du bureau de change ne doit pas dépasser dix huit (18) mois.

11. Ibiro by'ivunjisha byahagaritswe by'agateganyo cyangwa byambuwe uruhushya rwo gukora bigomba gukuraho ibyapa byose byarangaga ahakorerwa kandi bigasubiza Banki Nkuru uruhushya rwo gukora.

11. The suspended Forex Bureau shall apply, in writing, for resuming foreign exchange activities at least two weeks before the expiration of the suspension period.

11. Le bureau de change suspendu demande, par écrit, l'autorisation de reprendre ses activités de change au moins deux semaines avant l'expiration de la période de suspension.

12. Ibiro by'ivunjisha byahagaritswe by'agateganyo cyangwa byambuwe uruhushya rwo gukora bigomba gukuraho ibyapa byose byarangaga ahakorerwa kandi bigasubiza Banki Nkuru uruhushya rwo gukora.

12. The Forex Bureau suspended or whose license was revoked shall remove all displayed signs at its premises and return back the licence to the Central Bank.

12. Le bureau de change suspendu ou dont la licence a été révoquée doit enlever tous les signes affichés à ses locaux et remettre sa licence à la Banque Centrale.

UMUTWE WA IV: IMIYOBORERE Y'IBIRO BY'IVUNJISHA

CHAPTER IV: GOVERNANCE OF A FOREX BUREAU

CHAPITRE IV: L'ADMINISTRATION D'UN FOREX BUREAU

Ingingo ya 20: Ingingo zihuriweho n'abanyamigabane, Inama y'Ubuyobozi n'ubuyobozi

Article 20: Common provisions for shareholders, directors and the management

Article 20: Les dispositions communes pour les actionnaires, le conseil d'administration et la direction

1. Kugira ngo umuntu abe umunyamigabane, umwe mu bagize

1. For a person to become a shareholder, a director or a member of the

1. Pour devenir actionnaire, administrateur ou gérant d'un bureau

- | | | |
|--|--|---|
| Inama y'Ubuyobozi cyangwa umuyobozi w'ibiro by'ivunjisha agomba kuba abifitiye ubushobozi, akwiriye kandi akaba yemewe na Banki Nkuru; | management of a forex bureau, he/she must be a person deemed fit, proper and approved by the Central Bank; | de change, une personne doit être reconnue compétente, intégrée, appropriée et approuvée par la Banque Centrale; |
| 2. Nta muntu ushobora kuba umunyamigabane, ugize Inama y'Ubuyobozi cyangwa umuyobozi/umukozi w'ibiro by'ivunjisha birenze hamwe mu Rwanda; | 2. No person shall become a shareholder, a director, a member of management or a staff in more than one forex bureau; | 2. Nul ne peut devenir actionnaire, administrateur, gérant ou employé dans plus d'un bureau de change au Rwanda ; |
| 3. Ibiro by'ivunjisha ntibyemerewe guhindura abanyamigabane, abagize Inama y'Ubuyobozi n'abayobozi babyo bitabanje kubiharerwa uruhushya rwanditse na Banki Nkuru. Uruhushya rutangwa ari uko hatanzwe amakuru/inyandiko bisabwa mu ngingo ya 5 (g) y'aya mabwiriza rusange; | 3. A forex bureau shall not change its shareholders, directors and member of management without prior written approval of the Central Bank. The approval shall be subject to the submission of information/ documents required by article 5(g) of this regulation; | 3. Un bureau de change ne doit pas changer ses actionnaires, administrateurs et gérants sans l'autorisation préalable écrite de la Banque Centrale. L'autorisation est assujettie à la soumission d'informations/ documents requis en vertu de l'article 5 (g) du présent règlement ; |
| 4. Impinduka ku makuru ajyanye n'umwirondoro, ubunyangamugayo cyangwa andi makuru yose kubanyamigabane, abagize Inama y'Ubuyobozi n'abayobozi bimenyeshwa Banki Nkuru mu nyandiko; | 4. Changes in the information regarding the identity, background on integrity or other requested information on shareholders, directors and management shall be communicated to the Central Bank in writing; | 4. Des modifications de l'information concernant l'identité, le passé, l'intégrité ou d'autres informations requises sur les actionnaires, les administrateurs, et l'équipe de direction sont communiquées à la Banque Centrale par écrit. |

- | | | |
|---|---|--|
| 5. Banki Nkuru ishobora guhagarika cyangwa kwirukana abanyamigabane, abagize Inama y'Ubuyobozi, abayobozi, umugenzuzi wo hanze, cyangwa umukozi uwo ariwe wese w'ibiro by'ivunjisha kubera: | 5. The Central Bank may suspend or dismiss shareholders, directors, member of management, an external auditor or any staff of a forex bureau for/who: | 5. La Banque Centrale peut suspendre ou révoquer des actionnaires, des administrateurs, les gérants, un auditeur externe ou tout membre du personnel d'un bureau de change pour/qui: |
| a) bananiwe gukurikiza aya mabwiriza rusange cyangwa andi mabwiriza yose ya Banki Nkuru; | a) fail to adhere to this regulation or any other directives issued by the Central Bank; | a) ne respectent pas le présent règlement ou toutes autres directives émises par la Banque Centrale ; |
| b) batacyujuje ibisabwa kugira ngo bemerwe na Banki Nkuru; | b) fail to continuously meet vetting requirements; | b) ne répondent plus aux conditions d'agrément par la Banque Centrale; |
| c) bafite umwenda utishyurwa neza mu kigo cy'imari icyo aricyo cyose; | c) have non-performing loan in any financial institution; | c) sont exposés à un crédit non performant dans n'importe quelle institution financière ; |
| d) baratanze sheki itazigamiwe; | d) have issued a bounced check; | d) ont émis un chèque sans provisions; |
| e) indi mpamvu yose mu bushishozi bwa Banki Nkuru. | e) any other reason in the discretion of the Central Bank. | e) toute autre raison dans l'appréciation de la Banque Centrale. |

Ingingo ya 21: Abanyamigabane

1. Nta mugabane w'ibiro by'ivunjisha ugomba guhererekanywa Banki Nkuru

Article 21: Shareholding

1. No share of a forex bureau shall be transferred without prior written approval of the Central Bank;

Article 21: Actionariat

1. Aucune action d'un bureau de change ne doit être cédée sans l'autorisation

itabanje kubitangira uruhushya rwanditse;

préalable écrite de la Banque Centrale ;

2. Guhererekanya imigabane mu biro by'ivunjisha bibanza gusabirwa uburenganzira muri Banki Nkuru igomba kubanza kubyemera.

2. Transfer of shares in a forex bureau shall be subject to written request to the Central Bank for prior approval.

2. La cession d'actions dans un bureau de changes est soumise à une demande écrite préalable adressée à la Banque Centrale pour approbation;

Ingingo ya 22: Inama y'Ubuyobozi

Article 22: Board of Directors

Article 22 : Le Conseil d'Administration

1. Ibiro by'ivunjisha bishobora kugira Inama y'Ubuyobozi. Abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba bafite ubumenyi mu micungire y'ibigo, by'akarusho, ubumenyi mu byerekeye ibikorwa by'umurimo w'ivunjisha.

1. A forex bureau may have a Board of Directors. Directors must have management skills and, more particularly, skills in the operations of forex bureau business.

1. Le bureau de change peut avoir un Conseil d'Administration. Les membres du conseil d'administration doivent avoir des connaissances dans la gestion, et plus particulièrement, les connaissances dans les opérations de l'activité des bureaux de change.

2. Inama y'ubuyobozi iyoborwa na Perezida ushinze imikorere yayo myiza muri rusange.

2. The Board of Directors is chaired by a President/chairperson who is responsible for its effective overall functioning;

2. Le Conseil d'Administration est dirigé par un président qui est responsable de l'efficacité de son fonctionnement en général;

3. Inama y'Ubuyobozi y'Ibiro by'ivunjisha ifite inshingano zikurikira:

3. The Board of Directors of a Forex Bureau shall:

3. Le Conseil d'Administration d'un bureau de change est responsable de:

- a) Gushyiraho umurongo uhamye ngenderwaho uyobora imirimo y'ibiro by'ivunjisha;

- a) Set a strategic guideline for the conduct of the forex bureau's operations;

- a) Adopter une stratégie de direction des opérations du bureau de change;

- | | | |
|---|--|---|
| b) Kugenzura no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba, intego na politiki by'imirimo y'ibiro by'ivunjisha; | b) Oversee and monitor the implementation of the forex bureau strategy, business objectives and policies; | b) Superviser et contrôler la mise en œuvre de la stratégie, des objectifs et des politiques des activites du bureau de change; |
| c) Gushyiraho politiki iteza imbere indangagaciro zimakaza imyitwarire myiza mu bucuruzi kandi igakora ku buryo bikamenyekanishwa mu biro by'ivunjisha; | c) Adopt a policy promoting sound values to develop good conduct in the business sector and make sure the forex bureau is sensitized thereon; | c) Adopter une politique pour promouvoir des valeurs solides renforçant les bonnes conduites dans le domaine commerciale et s'assurer que le bureau de change en est sensibilisé; |
| d) Gushyiraho amategeko ngengamikorere n'uburyo bw'imikorere no gusuzuma ko yubahirizwa. Amategeko ngengamikorere agomba guteganya ko ugize Inama y'Ubuyobozi utitabira inama zayo ku kigero cya 75% agomba gusezera/gusezererwa mu nama y'ubuyobozi. | d) Adopt internal rules and rules of procedures, and make sure they are complied with. The internal rules shall provide for resignation/dismissal of a director not attending meetings for at least 75% times. | d) Adopter les règlements d'ordre interieur ainsi que les règles de procédures et s'assures qu'ils sont observés. Les règlements d'ordre interieur doivent prévoir la démission ou renvoi d'un membre de Conseil d'Administration dont la participation dans les réunions n'atteint pas au moins 75%. |
| e) Gukurikirana ko Ibiro by'ivunjisha bitanga raporo zose zisabwa ibiro by'ivunjisha na Banki Nkuru; | e) Make sure that the forex bureau submits all reports required from the forex bureaus by the Central Bank. | e) S'assurer que le bureau de change transmet tous les rapports requis des bureaux de change par la Banque Centrale; |
| f) Kumenya ko amabwiriza atangwa na Banki Nkuru yubahirizwa; | f) Ensure compliance with regulations issued by the Central Bank; | f) S'assurer du respect des règlements émis par la Banque Centrale; |
| g) Gushyiraho gahunda yo gusimburana mu buyobozi bw'ibiro by'ivunjisha; | g) Establish succession plan for forex bureau management; | g) Etablir le plan de succession de la direction du bureau de change; |

- | | | |
|---|---|---|
| h) Gukora ku buryo ibiro by'ivunjisha bigira uburyo bukwiye bwo kumenya, gupima, gukurikirana no gucunga ibibazo bishobora kugwirira ibiro by'ivunjisha, hashyirwaho politiki n'intego byatekerejweho ku buryo bwuzuye; | h) Ensure that the forex bureau has adequate systems to identify, measure, monitor and manage key risks facing the forex bureau, by adopting sound policies and objectives which have been fully deliberated; | h) S'assurer que le bureau de change dispose de systèmes appropriés pour identifier, mesurer, contrôler et gérer des risques auxquels le bureau de change est exposé, par l'adoption des politiques et des objectifs solides qui ont été entièrement délibérés; |
| i) Gusuzuma raporo y'igenzura na raporo z'ubugenzuzi bw'imari kugira ngo irebe ko imyanzuro yafashwe yashyizwe mu bikorwa; | i) Review the inspection report and audit reports to ensure implementation of all recommendations made; | i) Revoir le rapport d'inspection et les rapports d'audit pour s'assurer de la mise en œuvre des recommandations formulées; |
| j) Gukora ku buryo ibiro b y'ivunjisha bihorana ishusho nziza muri urwo rwego no mu bukungu muri rusange; | j) Ensure that the forex bureau maintains a positive image within the industry and the economy as a whole; | j) S'assurer que le bureau de change maintienne une image positive au sein du secteur de change et de l'économie dans son ensemble; |
| k) Gukora ku buryo ubuyobozi bushyiraho kandi bugakomeza uburyo bw'igenzura ry'imbere rifite akamaro kandi rigera ku ntego; | k) Ensure that the management establishes and maintains an adequate, effective and efficient internal control system. | k) S'assurer que la direction établit et maintient un système de contrôle interne efficace et effectif; |
| l) Gukora ku buryo Ubuyobozi n'abakozi b'ibiro by'ivunjisha bufasha abakozi bose guhugurwa bihagije mu bijyanye n'umurimo w'ivunjisha, gukumira iyezandonke n'ibindi bisabwa n'amabwiriza. | l) Ensure the management and the staff of the forex bureau is adequately trained in the operations of the forex bureau business, prevention of money laundering and regulatory requirements. | l) S'assurer que la Direction du bureau de change ainsi que le personnel du bureau de change a une formation suffisante sur les activités de bureau de change, la prévention du blanchiment d'argent ainsi que sur d'autres exigences réglementaires. |

- | | | |
|--|--|--|
| <p>4. Iby'ingenzi bisabwa Inama y'Ubuyobozi y'Iburo by'ivunjisha:</p> <p>a) Umuntu wese ugize Inama y'Ubuyobozi agomba kwitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi ku kigero cya 75% nibura. Ubwitabire bw'abagize Inama y'Ubuyobozi bugaragazwa muri raporo y'umwaka.</p> <p>b) Inama y'Ubuyobozi igomba guterana nibura rimwe mu gihembwe kandi inama yose igakorerwa inyandikomvugo;</p> <p>c) Banki Nkuru ishobora gusaba impinduka mu bagize Inama y'Ubuyobozi hari umwe mu bayigize utujuje iby'ingenzi bisabwa cyangwa inshingano ze nk'uko biteganywa n'aya mabwiriza rusange.</p> | <p>4. Minimum requirements for the Board of Directors of a forex bureau:</p> <p>a) Every board member shall actively attend the board meetings on at least 75%. The attendances status shall be disclosed in the annual report.</p> <p>b) The Board of Directors shall meet regularly at least once a quarter and produce Minutes for each meeting held;</p> <p>c) The Central Bank shall require changes in the composition of the Board of Directors if any of its members is not fulfilling the minimum requirements or his/her responsibilities as specified in this regulation.</p> | <p>4. Exigences minimales du Conseil d'Administration du Bureau de change:</p> <p>a) Tout membre du Conseil d'Administration doit activement participer dans des réunions du Conseil d'Administration au moins à 75%. Les présences doivent figurer dans le rapport annuel.</p> <p>b) Le Conseil d'Administration doit se réunir régulièrement au moins une fois par trimestre et dresser des procès-verbaux pour chaque réunion tenue;</p> <p>c) La Banque Centrale peut exiger des changements dans la composition du Conseil d'Administration s'il y a l'un de ses membres qui ne remplit pas les exigences minimales ou ses responsabilités telles que définies dans le présent règlement.</p> |
|--|--|--|

Ingingo ya 23: Ubuyobozi

1. Buri biro by'ivunjisha bigomba kugira Umuyobozi Mukuru cyangwa Umucungamutungo.
2. Iyo ibiro by'ivunjisha bifite ishami cyangwa amashami bishyiraho

Article 23: Management

1. Each forex bureau shall have a Managing Director or a Manager.
2. When a forex bureau having a branche or branches, it shall appoint a manager

Article 23 : La Direction

1. Tout bureau de change aura un Directeur Général ou Gérant.
2. Si un bureau de change a une branche ou des branches, il doit nommer un gérant

- | | | |
|--|--|--|
| <p>umucungamutungo wa buri shami ubanza kwemerwa na Banki Nkuru. Umucungamutungo w'ishami agomba kuba ari umukozi uhoraho w'ibiro by'ivunjisha;</p> | <p>responsible for each branch approved by the Central Bank. The Managing Director or manager shall be full time employee of the forex bureau;</p> | <p>responsable pour chaque branche et approuvé par la Banque Centrale. Le gérant d'une branche doit être un employé à temps plein du bureau de change;</p> |
| <p>3. Ibiro by'ivunjisha bigomba gushyiraho umuyobozi mukuru cyangwa umucungamutungo ugomba kuba afite nibura impamyabumenyi ya Kaminuza (Ao) mu icungamutungo, imari, imicungire n'ibindi bifitanyen isano na byo, kandi agomba kuba afite ubumenyi buhagije mu mirimo y'ivunjisha, ibisabwa n'amategako ndetse n'amabwiriza ya Banki Nkuru. icyakora, umuntu ufite impamyabumenyi yo ku rwego rw'amashuri yisumbuye (A2) n'imyaka itanu y'uburambe mu mirimo y'ibiro by'ivunjisha cyangwa impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya kaminuza (A1) n'imyaka 2 y'uburambe mu mirimo y'ibiro by'ivunjisha ashobora gushyirwaho nk'umuyobozi w'ibiro by'ivunjisha.</p> | <p>3. A forex bureau shall appoint a Managing Director or manager holding at least a Bachelor Degree or its equivalent in accounting, finance, management or any related field and having adequate knowledge on foreign exchange operations, relevant legislations and the Central Bank regulatory requirements. However, a manager having an Advanced Level certificate of secondary education (A2) with 5 years of experience in forex bureau activities or a diploma (A1) with 2 years of experience in forex bureau activities may be appointed.</p> | <p>3. Le bureau de change doit nommer un Directeur Général ou un gérant détenteur d'au moins un diplôme de niveau licence ou son équivalent en comptabilité, finance, gestion ou tout autre domaine connexe et ayant des connaissances suffisantes des opérations de bureau de change, des exigences des législations ainsi que des réglementaires de la Banque Centrale. Cependant, une personne ayant un certificat d'études des humanités générales (A2) et cinq ans d'expérience dans des activités de bureau de change ou un niveau de baccalauréat (A1) avec deux ans d'expérience dans les activités du bureau de change peut être nommée gérant.</p> |
| <p>4. Iyo ibiro by'ivunjisha bidafite Inama y'Ubuyobozi, inshingano aya</p> | <p>4. If the forex bureau has no Board of Directors, responsibilities of the Board of Directors as provided herein this regulations shall be exercised by the Management.</p> | <p>4. Si le bureau de change n'as pas de Conseil d'Administration, les responsabilités du Conseil d'Administration telles que prévues</p> |

mabwiriza aha Inama y'Ubuyobozi
zishyirwa mu bikorwa n'Ubuyobozi.

dans ce règlement sont assurées par la
Direction.

**UMUTWE WA V: UBUBASHA BWA
BANKI NKURU BWO KUGENZURA**

**CHAPTER V: SUPERVISORY POWER
OF THE CENTRAL BANK**

**CHAPITRE V: POUVOIR DE
SUPERVISION DE LA BANQUE
CENTRALE**

**Ingingo ya 24: Isuzuma ry'ibikorwa
n'imirimu by'ibiro by'ivunjisha**

**Article 24: Examination of operations and
forex bureau transactions**

**Article 24: Examen des opérations et
affaires d'ub bureau de change**

Banki Nkuru ifite ububasha bwo gusuzuma ibikorwa n'imirimu by'ibiro by'ivunjisha, aho bikorera aho ariho hose, hagamijwe kureba ko ibiro by'ivunjisha byubahiriza neza ibisabwa n'amategeko n'amabwiriza.

The Central Bank has the power to undertake an examination of the operations and affairs of a forex bureau, at any place of business, in order to ensure that the foreign exchange bureau is compliant with legal and regulatory requirements.

La Banque Centrale se réserve le pouvoir de procéder à un examen des opérations et des affaires d'un bureau de change, à tout lieu d'affaires, afin de s'assurer que le bureau de change se conforme aux exigences légales et réglementaires.

Mu rwego rwo gukora ibiteganyijwe mu gika bibanziriza iki, ibiro by'ivunjisha bigomba gushyikiriza Banki Nkuru inyandiko zose n'amakuru bya ngombwa kugirango isuzuma rigende neza. Inyandiko n'amakuru bivugwa muri iki gika bishobora kohererezwa Banki Nkuru ibisabye cyangwa bigahabwa Abagenzuzi mu gihe cy'igenzura ryabereye aho ibiro by'ivunjisha bikorera.

For the purpose of the provisions of the previous paragraph, a forex bureau shall avail to the Central Bank all relevant documents and informations for effective examination. Documents and informations referred to herein shall be forwarded to the Central Bank upon request or remitted to Inspectors at the place of business of the forex bureau.

Dans le sens des dispositions de l'alinéa précédent, le bureau de change remet à la Banque Centrale tous les documents et informations nécessaires aux fins d'examen. Les documents et informations dont il est question ici seront transmis à la Banque Centrale sur demande ou remis aux Inspecteurs lors de l'inspection au lieu d'activités du bureau de change.

Ingingo ya 25: Raporo zisabwa

Ibiro by'ivunjisha bishyikiriza Banki Nkuru raporo zikurikira hakoreshajwe ikoranabuhanga cyangwa mu buryo buteganyijwe mu nyandiko:

- a) ikigereranyo cy'igiciro cy'ifaranga ry'u Rwanda ryari rigezeho umunsi urangira, ku munsi w'akazi ukurikiraho mbere ya saa tatu n'igice (9h30) za mugitondo cyangwa nk'uko byateganywa na Banki Nkuru;
- b) raporo za buri munsi zerekeye ibikorwa by'ivunjisha byayo (ayagurishijwe n'ayaguzwe), nkuko biteganyijwe ku mugereka wa III.1 n'uwa III.2; bitarenze saa tatu n'igice za mugitondo z'umunsi w'akazi ukurikira;
- c) raporo za buri kwezi z'ibikorwa by'ivunjisha, nk'uko biteganyijwe ku mugereka wa III.3; bitarenze iminsi itanu y'akazi y'ukwezi gukurikiraho;
- d) ifoto y'umutungo na konti y'inyungu n'igihombo bya buri gihembwe, nk'uko biteganyijwe k'umugereka wa III.4; bitarenze tariki ya 20 z'ukwezi gukurikiraho;

Article 25: Reports required

A forex bureau shall submit the following returns to the Central Bank on-line or as directed in the prescribed format:

- a) the indicative closing Rwandan Francs exchange rates, the following working day before 9:30 a.m or as otherwise directed by the Central Bank;
- b) daily returns of all its foreign exchange transactions (purchases and sales) as specified under appendix III.1 and III.2; not later than 9.30 a.m of the following working day;
- c) monthly reports on foreign exchange transactions, as specified under appendix III.3; not later than five working days of the following month;
- d) balance sheet and income statement on quarterly basis, as specified under appendix III.4; not later than 20th of the following month;

Article 25: rapports exigés

Un bureau de change doit transmettre à la Banque Centrale électroniquement ou de manière stipulée dans un format prescrit à cette fin les rapports suivants :

- a) les taux indicatifs de change du franc Rwandais à la clôture, le jour ouvrable suivant avant 09h30 du matin ou tel que prescrit autrement par la Banque Centrale;
- b) les rapports journaliers de ses opérations de change (achats et ventes), comme spécifié en annexe III.1 et III.2 ; au plus tard à 09h30 du matin du jour ouvrable suivant;
- c) les rapports mensuels des opérations de change, comme spécifié en annexe III.3; au plus tard le cinquième jour ouvrable du mois suivant;
- d) le bilan et les comptes d'exploitation trimestriels, comme spécifié en annexe III.4 au plus tard le 20ème jour du mois suivant;

e) raporo y'imari yagenzuwe n'umugenzuzi uva hanze wemewe na ICPAR mu gihe cy'amezi atatu nyuma y'irangira ry'umwaka w'imari;	e) financial statements audited by an external auditor approved by ICPAR within three months after the end of the financial year.	e) états financiers audités par un auditeur externe agréé par l'Ordre rwandais des experts comptables (ICPAR) endéans trois mois de la fin de l'exercice financier;
f) iyindi raporo yose ishobora kugenwa na Banki Nkuru.	f) any other return as may be prescribed by the Central Bank.	f) tout autre rapport qui peut être prescrit par la Banque Centrale.
Umwaka w'imari kuri za biro z'ivunjisha zose utangira tariki ya 1 Mutarama ukarangira tariki ya 31 Ukuboza.	The financial year for all forex bureaux shall be January 1 to December 31.	L'exercice financier de tous les bureaux de change est fixé du 1 ^{er} Janvier au 31 Décembre.
Bitabangamiye ibirebana na raporo zisabwa ibiro by'ivunjisha nkuko zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Banki Nkuru ifite uburenganzira bwo kwinjira, mu buryo butaziguye, mu bubiko bw'amakuru abitswe n'ibiro by'ivunjisha kugira ngo ibone amakuru ya ngombwa mu kuzuza inshingano zayo.	Without prejudice to the reporting requirements specified in paragraph One of this Article, the Central Bank reserves the right to direct access in the data base of a forex bureau to have informations helping in the achievement of its mission/mandate.	Sans préjudice aux exigences de rapports tels que spécifiés dans l'alinéa premier de cet article, la Banque Centrale se réserve le droit d'accès direct aux données d'un bureau de change pour avoir des informations nécessaires à l'accomplissement de sa mission.
<u>Ingingo ya 26: Amafaranga y'igenzura.</u>	<u>Article 26: Supervision fee</u>	<u>Article 26: Les frais de supervision</u>
Ibiro by'ivunjisha byemerewe gukora byishyura, buri mwaka bitarenze itariki ya 30 Mata, amafaranga y'igenzura angana n'ibihumbi magana atatu y'u Rwanda (300.000 Frw). Aya mafaranga ashobora rimwe na rimwe guhindurwa na Banki Nkuru.	A licensed forex bureau shall pay, annually and not later than the 30 th April, a supervision fee of three hundred thousand Rwanda Francs (Frw 300,000). The annual supervision fee may be modified by the Central Bank from time to time.	Le bureau de change agréé doit payer, chaque année et au plus tard le 30 Avril, les frais annuels de supervision de trois cent mille francs Rwandais (300.000 Frw). Ces frais annuels de supervision peuvent être modifiés de temps en temps par la Banque Centrale.

Kutishyura amafaranga y'igenzura bituma ibiro by'ivunjisha bifatirwa ibihano mu mafaranga. Bishobora kandi gutuma ibiro byamburwa uruhushya rwo gukora, hakurikijwe ibiteganywa n'aya mabwiriza.

Defaulting in paying the supervisory fee results in pecuniary penalties. It may also result in revocation of the license following the provisions of this regulation.

Le manquement au paiement des frais de supervision conduit aux sanctions pécuniaires. Mais aussi, il peut conduire à la révocation de l'agrément, conformément aux dispositions du présent règlement.

UMUTWE WA VI: IBIHANO N'INGINGO ZISOZA

CHAPTER VI: PENALTIES AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: SANCTIONS ET DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 27: Ibihano byerekeye ubuyobozi

Mu gihe ibiro by'ivunjisha bidakurikije cyangwa binaniwe kubahiriza ingingo z'aya mabwiriza rusange cyangwa n'ibindi byangombwa bisabwa, hakurikijwe uburemere bw'ikosa ryakozwe, bifatirwa ibihano by'imyitwarire mibi bikurikira:

Article 27: Administrative sanctions

In case a forex bureau violates or fails to comply with provisions of this regulation and any other relevant regulatory requirement, it shall be liable, depending upon the seriousness of the violations, to the following disciplinary measures:

Article 27: Sanctions administratives

Au cas où un bureau de change contrevient ou omet de se conformer aux dispositions du présent règlement ou de toute autre exigence réglementaire adéquate, il sera passible, selon la gravité de la faute commise, des mesures disciplinaires suivantes:

a) kwihanangirizwa mu nyandiko;

a) written warning;

a) avertissement écrit;

b) ihagarikwa ry'icyemezo cyo gukora mu gihe kigenwa na Banki Nkuru;

b) suspension of the license for a period as it may be specified by the Central Bank;

b) la suspension de la licence pour une période qui sera spécifiée par la Banque Centrale;

c) kwamburwa uruhushya rwo gukora.

c) revocation of the license.

c) la révocation de la licence.

Ingingo ya 28: kwamburwa uruhushya rwo gukora

Article 28: Revocation of a license

Article 28: De la révocation de l'agrément

Banki Nkuru ishobora kwambura ibiro by'ivunjisha uruhushya rwo gukora kubera

The Central Bank may revoke a forex bureau's licence license due to at least one or a combination of the following reasons:

La Banque Centrale peut révoquer l'agrément du bureau de change pour l'une ou une combinaison des raisons suivantes:

nibura kimwe cyangwa impurirane y'ibi bikurikira:

- | | | |
|---|---|---|
| a) kunanirwa gutangira gukora mu gihe cy'amezi atandatu uherye igihe icyemezo cyatangiwe; | a) failure of the forex bureau to commence operations within a period of six months from the date of issuance of the license; | a) le défaut du bureau de change de commencer les opérations dans un délai de six mois à compter de la date de délivrance du certificat d'agrément; |
| b) ibiro by'ivunjisha byahagaritse imirimo byemerewe gukora; | b) the forex bureau is found to have ceased to conduct the authorized operations; | b) le bureau de change est reconnu d'avoir cessé d'effectuer les opérations autorisées; |
| c) gukoresha imari shingiro mu bindi bikorwa bitaherewe uburenganzira na Bannki Nkuru; | c) deviation of capital in activities other than those authorized by the Central Bank; | c) deviation du capital dans les activités autre que celles autorisées par la Banque Centrale; |
| d) ibiro by'ivunjisha bikora indi mirimo bitaherewe uruhushya na Banki Nkuru; | d) the Forex bureau undertakes activities other than those approved by the Central Bank; | d) le bureau de change entreprend des activités autres que celles approuvées par la Banque Centrale; |
| e) abanyamigabane cyangwa ibiro by'ivunjisha ubwabyo byahamijwe n'urukiko rubifitiye ububasha mu Rwanda cyangwa mu mahanga, icyaha cy'iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba cyangwa se ibyo biro by'ivunjisha bishamikiye kuisosiyete yahamwe n'icyo cyaha; | e) the shareholders of the bureau, or the bureau itself, is convicted by any court of competent jurisdiction, in Rwanda or elsewhere, of an offense related to money laundering and/or terrorist/proliferation financing, or is an affiliated or is a subsidiary of a company that has been so convicted; | e) les actionnaires du bureau de change ou le bureau de change lui-même est déclaré coupable par une juridiction compétente au Rwanda ou d'ailleurs d'une infraction en rapport avec le blanchiment d'argent et/ou le financement/la prolifération du terrorisme, ou est une filiale ou un affilié d'une société qui a également été reconnue coupable de telles infractions; |

- | | | |
|---|--|---|
| f) ibiro by'ivunjisha byatanze amakuru atariyo mu gihe byasabaga icyemezo cyo gutangira gukora; | f) the forex bureau has made a false or incorrect statement in its application for license; | f) le bureau de change a fait une déclaration fausse ou inexacte dans sa demande d'agrément; |
| g) ibiro by'ivunjisha byakoresheje impapuro z'impimbano mu mirimo bikora; | g) the forex bureau is using forged or counterfeit documents in its foreign exchange operation; | g) le bureau de change utilise des documents falsifiés ou contrefaits dans ses opérations de change; |
| h) ibiro by'ivunjisha bitera inkunga cyangwa bigira uruhare mu bikorwa bitemewe n'amategeko; | h) the Forex Bureau is financing or involved in illegal practices; | h) le bureau de change finance ou est impliqué dans des activités illégales; |
| i) ibiro by'ivunjisha bikomeza kutubahiriza ibisabwa n'amabwiriza ariho; | i) persistent non-compliance with existing regulatory requirements; | i) la non conformité persistante aux exigences réglementaires existantes; |
| j) ibiro by'ivunjisha bitashoboye kongera gutangira imirimo nk'uko biteganywa mu ngingo ya 17 (12) y'aya mabwiriza. | j) failure to re-operate as required by Article 17 (12) of this Regulation; | j) le bureau de change qui n'a pas repris ses opérations comme prévu à l'article 17 (12) de ce règlement. |
| k) mu bushishozi bwa Banki Nkuru, ibikorwa by'ibiro by'ivunjisha bifite ingaruka mbi mu rwego rw'imari n'inyungu z'igihugu. | k) in the Central Bank opinion, the forex bureau operations negatively affect the soundness of the financial sector and the public interest. | k) dans son appréciation, la Banque Centrale, constate que les opérations du bureau de change ont des effets négatifs sur la solidité du secteur financier et l'intérêt public. |

Ingingo ya 29: Ingaruka yo kwamburwa uruhushya rwo gukora umurimo w'ivunjisha ku zindi mpushya

Iyo ibiro by'ivunjisha byambuwe uruhushya rwo gukora kandi byari bifite n'urundi ruhushya rwo gukora imirimo yo kohereza amafaranga ku rwego mpuzamahanga, uko kwamburwa uruhushya rwo gukora umurimo w'ivunjisha bijyana no kwamburwa uruhushya rwo gukora imirimo yo kohereza amafaranga ku rwego mpuzamahanga.

Ingingo ya 30: Kwemererwa gukora nyuma yo kwamburwa uruhushya rwo gukora

Umunyamigabane, umuntu ufitanye isano, ugize Inama y'Ubuyobozi n'umuyobozi w'ibiro by'ivunjisha byambuwe uruhushya rwo gukora kubera impamvu z'imiyoborere cyangwa z'imikorere bashobora kwemererwa kongera gukora umurimo w'ivunjisha nyuma y'imyaka itanu kuva bambuwe uruhushya rwo gukora.

Ingingo ya 31: Ibihano mu mafaranga

Banki Nkuru ishyiraho ibihano by'amafaranga bihabwa ibiro by'ivunjisha itubahirije aya mabwiriza rusange, amabwiriza n'ibyemezo ishyiraho.

Article 29: Consequence of revocation of a forex bureau's license on other licences

When a forex bureau whose license is revoked was also licensed to carry out international money transfers, the revocation of its license as a forex bureau implies also revocation of the license for the money transfers activity.

Article 30: Opening of a forex bureau after revocation of license

A shareholder or a related party, a Board member and a management member of a Forex Bureau whose license was revoked for administrative or operational reasons may be authorized to carry out a foreign exchange activity, once again, after a period of 5 years from the license revocation.

Article 31: Pecuniary sanctions

Central Bank shall determine pecuniary sanctions applicable to a forex bureau that violates the provisions of this regulation, instructions and decisions.

Article 29: Conséquence de la révocation de la licence d'un bureau de change sur d'autres licences

Si le bureau de change dont l'agrément est révoqué et que ce bureau de change était en même temps autorisé d'exercer les transferts d'argent au niveau international, la révocation de la licence comme bureau de change implique également la révocation de l'autorisation d'exercer des transferts d'argent internationaux.

Article 30: Ouverture d'un bureau de change après révocation d'agrément

Un actionnaire ou une partie connexe, un membre du Conseil d'Administration ou un gestionnaire d'un Bureau de change dont l'agrément a été révoqué pour des raisons administratives ou opérationnelles peut être autorisé à entreprendre de nouveau l'activité de change après une période de cinq ans à partir de la révocation de l'agrément.

Article 31: Sanctions pécuniaires

La Banque Centrale fixe les sanctions pécuniaires applicables à un bureau de change qui viole les dispositions de ce règlement, instructions et décisions.

Banki Nkuru ishyiraho ibihano by'amafaranga bihabwa ibiro by'ivunjisha itubahirije aya mabwiriza rusange, amabwiriza n'ibyemezo ishyiraho.

Ingingo ya 32: Ibihano ku bakora umurimo w'ivunjisha batabifitiye uburenganzira

Umuntu wese, abyikorera cyangwa akora mu izina ry'undi muntu, ukora imirimo y'ivunjisha ku butaka bw'u Rwanda atabifitiye uruhushya rwo gukora rutangwa na Banki Nkuru, aba akoze icyaha kandi ahanwa hakurikijwe ingingo z'igitabo cy'amategeko ahana.

Ingingo ya 33: Iseswa ry'ibiro by'ivunjisha

Iseswa ry'ibiro by'ivunjisha bikurikiza amategeko abigenga bijyanye n'uko ibiro by'ivunjisha bikora nk'isosiyeti, koperative cyangwa ikigo cya Leta, n'itegeko ryerekeye izahura ry'ubucuruzi n'irangiza ry'ibibazo biturutse ku gihombo.

Ibiro by'ivunjisha bigomba kubanza kubyemererwa na Banki Nkuru mbere yo gutangira gahunda y'iseswa ku bushake.

The amount of each penalty shall depend on the nature and seriousness of the violation, according to a scale set out in appendix IV of this regulation.

Article 32: Penalties for unlicensed forex bureaux activities

Any person, acting on its own account or on behalf of a third party, who engages in forex bureau activities within the territory of the Republic of Rwanda without license issued the Central Bank, commits an offence and is penalized in accordance with the provisions of the penal code.

Article 33: Liquidation of the forex bureau

The process of liquidation of a forex bureau shall be in conformity with relevant laws following whether the forex bureau was in form of a company, a cooperative or public institution, and the law relating to commercial recovery and settling issues arising from insolvency.

A forex bureau shall seek for non objection from the Central Bank before it enters into the process of the voluntary liquidation.

Le montant de chaque pénalité varie selon la nature et la gravité du manquement, conformément à un barème figurant en annexe IV du présent règlement.

Article 32: Pénalités pour exercice d'activités de bureau de change non autorisées

Toute personne (physique ou morale), agissant pour son propre compte ou pour le compte d'un tiers, qui s'engage dans les activités du bureau de change sur le territoire de la République du Rwanda avant qu'il soit agréé par la Banque Centrale, commet une infraction et est punie conformément aux dispositions du code pénal.

Article 33: Liquidation du bureau de change

La procédure de liquidation d'un bureau de change doit être faite conformément aux lois en la matière, selon que le bureau opérait en une forme d'une société commerciale, d'une coopérative ainsi que la loi relative au redressement commercial et au règlement des problèmes d'insolvabilité.

Un bureau de change doit avoir le non objection de la Banque Centrale avant d'entamer les procédures de liquidation volontaire.

Ingingo ya 34: Amabwiriza n'ibindi byemezo

Guverineri wa Banki Nkuru ashiraho amabwiriza ayobora imirimo y'ibiro by'ivunjisha hakurikijwe aya mabwiriza rusange.

Ubuyobozi bwa Banki Nkuru bushobora, igihe cyose byaba ngombwa, gufata icyemezo cyo kuba buhagaritse isaba ryose ryerekeye gukora umurimo w'ivunjisha, mu gihe kizwi cyangwa kitazwi.

Ingingo ya 35: Igihe cy'inzibacyuho no kubahiriza ibiteganywa n'aya mabwiriza rusange

Ibiro by'ivunjisha byahawe na Banki Nkuru uruhushya rwo gukora kandi bisanzwe bikora imirimo y'ivunjisha bisabwa kuba byamaze kubahiriza ibiteganywa n'aya mabwiriza rusange mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) uhareye igihe atangarijwe mu Igazeti ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 34: Directives and other decisions

The Governor of the Central Bank shall issue directives to guide the activities of Forex Bureaus in accordance with this Regulation.

The Administration of the Central Bank may, any time it may be deemed necessary, decide to suspend applications related to the exercise of the foreign exchange business for a definite or indefinite periode.

Article 35: Transitional period and compliance with the provisions of this Regulation

A forex bureau licensed by the Central Bank that is currently operating foreign exchange business are given a period of six (6) months to conform themselves to the provisions of this regulation, starting from the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 34: Directives et autres décisions

L'Administration de la Banque Centrale émet des directives pour guider les activités de Bureaux de change conformément au présent Règlement.

L'Administration de la Banque Centrale peut, à tout moment qu'il s'avère nécessaire, décider de suspendre toute sorte de demande relative à l'exercice de l'activité de change pour une période déterminée ou déterminée.

Article 35: Période de transition et conformité aux dispositions du présent règlement

Un bureau de change agréé par la Banque Centrale qui actuellement exerce les activités de bureau de change doit se conformer au présent règlement endéans une période de six (6) mois après sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Ingingo ya 36: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza rusange

Amabwiriza rusange N° 06/2013 yo kuwa 21/10/2013 agenga ibiro by'ivunjisha, n'izindi ingingo zose, z'amabwiriza rusange cyangwa amabwiriza, zinyuranye na yo bivanyweho.

Ingingo ya 37: Igihe aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa ku munsu atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, ku wa 22/02/2017

(se)
RWANGOMBWA John
Guverineri

Article 36: Repealing provision

The regulation n° 06/2013 of 21/10/2013 governing Foreign Exchange Bureaus, and other previous provisions, of regulations or directives, contrary to this regulation are hereby repealed.

Article 37: Commencement

This Regulation shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Done at Kigali on 22/02/2017

(se)
RWANGOMBWA John
Governor

Article 36: Dispositions abrogatoires

Le règlement n° 06/2013 du 21/10/2013 régissant les bureaux de change ainsi que toutes les dispositions antérieure, des règlements ou directives, contraires à ce règlement sont abrogés.

Article 37: Entrée en vigueur

Le présent règlement entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Fait à Kigali le 22/02/2017

(se)
RWANGOMBWA John
Gouverneur